NESA NATIONAL EXAMINATION AND SCHOOL INSPECTION AUTHORITY

# ITANGAZO KU NGENDO Z'ITAHA RY'ABANYESHURI BIGA BACUMBIKIRWA (IGIHEMBWE CYA I: 2022/2023)

Hashingiwe ku ngengabihe y'amasomo n'igihe cy'ibiruhuko by'abanyeshuri yatangajwe na Minisiteri y'Uburezi, Ikigo cy'Igihugu gishinzwe Ibizamini n'Ubugenzuzi bw'amashuri (NESA) kiramenyesha abayobozi b'amashuri, abarezi ndetse n'ababyeyi ko abanyeshuri biga bacumbikirwa bazatangira kujya mu biruhuko bisoza igihembwe cya mbere guhera **ku wa 20/12/2022 kugeza ku wa 23/12/2022.** Ni muri urwo rwego Ikigo cy'Igihugu gishinzwe Ibizamini n'Ubugenzuzi bw'Amashuri (NESA) kimenyesha ibigo by'amashuri n'abanyeshuri biga bacumbika ko gahunda y'ingendo kuri abo banyeshuri iteye ku buryo bukurikira:

**Ku wa Kabiri, tariki ya 20/12/2022, hazataha abanyeshuri biga mu bigo by'amashuri biri mu Turere dukurikira:**

- Nyarugenge, Gasabo na Kicukiro **mu Mujyi wa Kigali**
- Huye na Nyaruguru mu **Ntara y'Amajyepfo**
- Ngororero **mu Ntara y'Iburengerazuba**
- Musanze mu **Ntara y'Amajyaruguru**
- Rwamagana na Kayonza mu **Ntara y'Iburasirazuba**

**Ku wa Gatatu, tariki ya 21/12/2022, hazataha abanyeshuri biga mu bigo by'amashuri biri mu Turere dukurikira:**

- Muhanga na Gisagara mu **Ntara y'Amajyepfo**
- Burera mu **Ntara y'Amajyaruguru**
- Rubavu na Nyabihu mu **Ntara y'Iburengerazuba**
- Gatsibo na Nyagatare mu **Ntara y'Iburasirazuba**

**Ku wa Kane, tariki ya 22/12/2022, hazataha abanyeshuri biga mu bigo by'amashuri biri mu Turere dukurikira:**

- Nyamagabe na Ruhango mu **Ntara y'Amajyepfo**
- Gakenke na Rulindo mu **Ntara y'amajyaruguru**
- Karongi na Rutsiro **Ntara y'Iburengerazuba**
- Bugesera mu **Ntara y'Iburasirazuba**

**Ku wa Gatanu, tariki ya 23/12/2022, hazataha abanyeshuri biga mu bigo by'amashuri biri mu Turere dukurikira:**

- Kamonyi na Nyanza **mu Ntara y'Amajyepfo**
- Gicumbi mu **Ntara y'amajyaruguru**
- Nyamasheke na Rusizi mu **Ntara y'Iburengerazuba**
- Ngoma na Kirehe mu **Ntara y'Iburasirazuba**

**ICYITONDERWA:**

- Abayobozi b'ibigo by'amashuri barasabwa kubahiriza ingengabihe y'ingendo uko iteganyijwe, bashaka imodoka hakiri kare mbere y'uko itariki yo gutaha igera, bohereza abana hakiri kare kugira ngo bagere mu miryango yabo butarira kandi bambaye umwambaro w'ishuri;

- Ababyeyi basabwe guha abana babo amafaranga y'urugendo azabageza mu rugo;

- Abashinzwe uburezi mu Turere no mu Mirenge barasabwa gukurikirana igikorwa cyo gucyura abanyeshuri no gukurikirana ko abayobozi b'amashuri baguriye abana amatike y'urugendo ku gihe;

- Mu rwego rwo korohereza abanyeshuri mu ngendo, abanyeshuri bahagurukira i Kigali n'abandi banyura i Kigali berekeza mu zindi Ntara, bazafatira imodoka kuri stade ya KIGALI/NYAMIRAMBO zibajyana mu miryango yabo. Nyuma ya saa cyenda (15h00) z'amanywa stade izaba ifunze, nta munyeshuri wemerewe kuza nyuma y'iyo saha yavuzwe haruguru.

Bikorewe i Kigali, ku wa 12/12/2022

**BAHATI Bernard**
Umuyobozi Mukuru

National Examination and School Inspection Authority
P.O. BOX 1382, Kigali, Rwanda
Toll Free No.: 9070
info@nesa.gov.rw
www.nesa.gov.rw